IMURIKABIKORWA MU KARERE KA RULINDO

Ku itariki ya 03-04/02/2012 mu Karere ka Rulindo mu murenge wa Shyorongi habereye imurikabikorwa by'Akarere ka Rulindo n'abafatanyabikorwa b'ako Karere bibumbiye mu ihuriro rigamije amajyambere JADF, mu magambo ahinnye y'icyongereza. Iri murikabikorwa rikaba ryaritabiriwe na Visi perezida w'Inteko Ishinga Amategeko umutwe w'Abadepite Bwana Kalisa Evariste, Depite Uwamariya Françoise, Depite Mukantaganzwa Pélagie, Umuyobozi w'Intara y'Amajyaruguru Bwana Bosenibamwe Aimé, Umuyobozi w'Akarere ka Rulindo, General de Brigade Alexis Kagame, Ambasaderi w'Ubudade mu Rwanda, umukozi wa MINALOC ushinzwe JADF Bwana Kalisa Patrick, uhagarariye JADF mu Karere Bwana Gatana Jean na komanda wa polisi mu Karere ka Rulindo. Iri murikabikorwa rikaba ryarasojwe ku mugaragaro na Minisitiri muri Perezidansi Madamu Tugireyezu Vénantie.

Governeur Bwana ***BOSENIBAMWE Aimé*** *na Mayor Bwana* ***KANGWAGYE Justus***

Bishimira ibyagezweho mu iterambere ry'Akarere

Mu butumwa bwagejejwe kubari bitabiriye uwo muhango,abayobozi bashimiye abafatanyabikorwa b'Akarere ka Rulindo ibikorwa bitandukanye bagiramo uruhare birimo uburezi, imibereho myiza y'abaturage, ubukungu,ubuzima,n'ibindi bagamije kuzamura imibereho myiza y'Abaturage. Babasabye guharanira gutera intambwe bajya imbere bakava ku rwego rucirirtse bakagera ku rwego ruhanitse bityo Rulindo igahora ku isonga mu kwesa imihigo. Umukuru w'Akarere yijeje abafatanyabikorwa b'Akarere ko Akarere katazahwema kubaba hafi igihe cyose bazaba bakeneye ubujyanama n'ubufasha.

ABAFATANYABIKORWA B'AKARERE BAMURIKA IBYO BAGEZEHO

Minisitiri muri Perezidansi Madamu TUgireyezu Vénantie, asoza iri murikabikorwa yasabye abaryitabiriye gukomeza gutanga serivisi nziza basubiye mu mirimo yabo nk'uko byagaragaye kuri sitandi zabo. Yakanguriye abari bitabiriye iryo murikabikorwa gukomeza kwitabira gahunda za Leta zirimo na EDPRS bakarushaho kuzamura ubukungu bw'Akarere n'ubw'Igihugu muri rusange bahanga imirimo iha akazi abakozi benshi kandi bagaharanira kurwanya imirire mibi mu bana no mu bantu bakuru.

Iri murikabikorwa rikaba ryaramaze iminsi ibiri aho abaturage bahageze bakabasha guhabwa ibisobanuro birambuye kuri serivisi bahabwa ndetse no kumikorere y'abafatanyabikorwa b'Akarere. Muri iri murikabikorwa kandi amatorero y'ababyinnyi ndetse n'abahanzi banyuranye basusurukije abakunzi babo babaririmbira ndetse babyina.